

**UMURYANGO  
W'ABIBUMBYE**

MICT-12-29-A  
10-09-2014  
(3 - 1/3421ter)

3/3421ter  
ZS



Urwego Rwashyiriweho Kurangiza Imirimo  
y'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga

Urubanza n°: MICT-12-29-A

Itariki: 20 Kanama 2014

Umwimerere: Icyongereza

### **URUGEREKO RW'UBUJURIRE**

Imbere ya : Theodor Meron, Umucamanza utegura urubanza mu bujurire

Gerefifiye : Bwana John Hocking

Itegeko ryo ku wa : 20 Kanama 2014

Augustin Ngirabatware

Aburana na

Porokireri

*INYANDIKO ISHOBORA GUHABWA RUBANDA*

---

### **ITEGEKO RIGENA ITARIKI Y'INAMA ITEGURA URUBANZA**

---

#### **Abunganizi ba Augustin Ngirabatware**

Mylène Dimitri  
Guénaël Mettraux

**Ibiro bya Porokireri**  
Hassan Bubacar Jallow  
James J.Arguin  
Inneke Onsea

Received by the Registry  
Mechanism for International Criminal Tribunals  
10/09/2014 09:35

R(RM)14-0052K

Byahinduwe mu Kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

**JYEWE, THEODOR MERON**, Perezida w'Urugereko rw'Ubujurire rw'Urwego Rushinzwe Kurangiza Imirimo y'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga (MICT) nkaba n'Umucamanza utegura ubujurire muri uru rubanza;<sup>1</sup>

**MAZE KUBONA** urubanza rwaciwe n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo II rw'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda ku itariki ya 20 Ukuboza 2012, Inyandiko yarwo igasohoka ku tariki ya 21 Gashyantare 2013,<sup>2</sup>

**MAZE KUBONA** ko, hashingiwe ku ngingo ya 69 (B) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya MICT ("Amategeko") Urugereko rw'Ubujurire cyangwa Umucamanza mu Rugereko rw'Ubujurire atumiza inama itegura urubanza mu minsi 120 ikurikira itangwa ry'inyandiko y'ubujurire, nyuma y'aho akongera kuyitumiza mu minsi 120 ikurikira inama ya nyuma itegura urubanza, kugira ngo umuntu wese ufunze ategereje kujurira abone umwanya wo kuvuga ibibazo yaba afite, harimo no kumenya uko ubuzima bwe mu mutwe no ku mubiri bwifashe;

**MAZE KUBONA** ko Augustin Ngirabatware agifungiye muri Gereza y'Umuryango w'Abibumbye Arusha muri Tanzaniya ategereje imikirize y'ubujurire bwatanzwe ku rubanza rwaciwe n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo;

**MAZE KUBONA** ko iburanisha mu bubujurire ryabaye ku itariki ya 30 Kamena 2014;<sup>3</sup>

**NSHINGIYE** ku Ngingo ya 69 (B) y'Amategeko;

**NTEGETSE** ko inama itegura urubanza nzayobora, izabera Arusha muri Tanzaniya ku itariki ya 29 Nzeri 2014 saa sita z'amanywa;

<sup>1</sup> Itegeko rishyiraho Umucamanza utegura urubanza mu bujurire, 28 Gashyantare 2013, urup. 1.

<sup>2</sup> Urubanza Porokireri aburana na Augustin Ngirabatware, Nº ICTR-99-54-T. Inyandikomvugo y'iburanisha, 20 Ukuboza 2012, imp. 1-15. Inyandiko y'urubanza Porokireri aburana na Augustin Ngirabatware, NºICTR-99-54-T, 21 Gashyantare 2013.

<sup>3</sup> Ngirabatware yaretse uburenganzira bwe ku nama itegura urubanza yagombaga kuba bitarenze tariki ya 12 Kamena 2014, kubera ko yari yegeranye n'itariki y'iburanisha mu bujurire.

**NTEGETSE** ko Abunganizi ba Ngirabatware bazaza muri iyo nama itegura urubanza, cyangwa bitaba ibyo, bakayitabira binyujijwe ku itumanaho rikoresha telefone (*teleconference*) cyangwa videwo (*video-conference*) nk'uko biteganywa mu Ngingo ya 69 (C) y'Amategeko, Ngirabatware aramutse abyemeye mu nyandiko kandi akabimenyekanisha mu nyandiko y'integuza bitarenze ku itariki ya 1 Nzeri 2014.

Bikozwe mu cyongereza no mu gifaransa, inyandiko y'icyongereza akaba ari yo igenderwaho.

Bikozwe none ku itariki ya 20 Kanama 2014

I La Haye, mu Buholand

[Umukono]

Umucamanza utegura urubanza mu bujurire

Theodor Meron

[Ikashe ya MICT]

